**MUNYANGABE, Ikiza ry'urubanza ry'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu, Urugereko rwihariye, 6.03.1997**

**Munyangabe Théodore**
**Jugement du Tribunal de Première Instance de Cyangugu**
**6 mars 1997**

**MUNYANGABE THEODORE**

**Ikiza ry'urubanza ry'Urukiko rwa Mbere rw'Iremezo rwa Cyangugu, Urugereko rwihariye**

**RP n° 001/97/C.S.C**
**RMP n° 78.302/S2/NY.U/KRL**

**URUGEREKO RWIHARIYE MU RUKIKO RWA MBERE RW'IREMEZO RWA CYANGUGU RUBURANISHA IMANZA Z'ICYAHA CY'ITSEMBABWOKO N'ITSEMBATSEMBA CYANGWA IBYAHA BYIBASIYE INYOKO-MUNTU BYAKOZWE KUVA TARIKI YA 1 UKWAKIRA 1990, MU RWEGO RWA MBERE, RUKIKIJE NONE TARIKI YA 06/03/1997 URUBANZA RUKURIKIRA :**

**Urega : UBUSHINJACYAHA**

**Uregwa :**

**Munyangabe Théodore, mwene Sebuhero Innocent ( +) na Nyirabije Nathalie wavukiye muri Segiteri Nyamavugo, Segiteri Bunyangurube, Komini Gafunzo, Perefegitura ya Cyangugu, mu mwaka w1956, akaba yarashakanye na Kampire Christine bafitanye abana batanu.**

**URUKIKO**

**RUMAZE kubona ikirego cyatanzwe n'ubushinjacyaha kikandikwa kuri R.M.P. 78.302/S2/NY.U/KRL R.P. 001/97/C.S.C. ;**

**RUMAZE kubona itegeko rya perezida w'Urugereko rwihariye rishyiraho itariki yo kuburana ;**

**RUMAZE kubona ko Munyangabe Théodore yahamagawe mu buryo bukurikije amategeko, itariki yo kuburana yagera akitaba n'ubushinjacyaha buhibereye ;**

**RUMAZE kubona ko abaregera indishyi bahamagawe kuri iyo tariki yagera bakitaba ;**

**RUMAZE kubona ko itariki yo kuburana yageze abagabo batanzwe n'ubushinjacyaha bakaza mu rubanza ;**

**RUMAZE kumva ko Munyangabe Théodore abajijwe ko hari icyo avuga ku byo abazwa, yifuza ko urubanza rwasubikwa kubera impamvu z'uko umwungannira (umwavoka) atabonetse ariko akaba atari afite ibimenyetso by'uko umwunganira ataje ariko ahari ;**

**RUMAZE kumva ko umukarani yasomeye Munyangabe Théodore ibyaha ashinjwa ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe Théodore asubirirwamo icyaha cya mbere akabazwa niba acyemera, icyo cyaha kikaba ari icy'uko yashishikarije abaturage icyaha cy'itsembabwoko n'icy'itsembatsemba, i Karambi , Segiteri Cyato, Komini Cyimbogo, Perefegitura Cyangugu muri Repubulika y'u Rwanda tariki ya 10/4/94, Munyangabe akavuga ko icyo cyaha atacyemera kubera yuko kuri iyo tariki ya 10/4/94 atigeze agera ku Cyato, ahubwo ko yagiye i Shangi ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe Théodore abazwa ibimenyetso by'uko tariki ya 10/4/94 yiriwe i Shangi, agasubiza ko ikimenyetso cya mbere ari uko yasanze mu kirego cye harimo inyandiko y'abantu 20 bamushinja icyo cyaha uwitwa Mukangwije F. wayanditse akanasinyisha abandi 19 bose bakaba 20, bemeza ko icyo cyaha yagikoze kuri 10/4/94 ; ku kimenyetso cya kabiri akavuga ko kuwa 10/4/94 yari kumwe na Padiri Shyirakera Calixte n'impunzi, akanavuga ko icyo yemera ari uko ku itariki ya 9/4/1994 ariho yari muri segiteri ya Cyato ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe Théodore asomerwa icyaha aregwa cya kabiri cy'uko yayoboye akanagenzura ibyaha by'itsembabwoko n'itsembatsemba ari i Mibirizi, Komini Cyimbogo, Perefegitura ya Cyangugu muri Repubulika y'u Rwanda tariki ya 18/4/1994 ari mu modoka y'uwitwa Ignace na Depite Kwitonda Pierre yitwaza ko ajyanye amahoro muri abo bantu, akavuga ko icyo cyaha atacyemera ko yahageze kuri iyo tariki ari kumwe na Kwitonda Pierre ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa icyamujyanye aho i Mibirizi kuri Paruwasi hari impunzi z'abatutsi, agasubiza avuga ko yari agiye gutabara abari bari muri iyo Paruwasi, akanabazwa impamvu yavanye izo mpunzi mu birindiro byabo by'amabuye akabinjiza mu kigo cya Paruwasi nyuma y'aho agahita yisubirirayo, ubwo agihindukira interahamwe zikabiraramo zikabica, agasubiza avuga ko ibyo kuvuga ko yabakuye mu birindiro byabo atari byo ahubwo ko ari icyifuzo yatanze akigera aho kuri Paruwasi ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa ibitero yashakaga guhagarika, akavuga ko ari abahutu bahigaga abatutsi akanavuga ko padiri wari abacumbikiye yamubwiye ko ari interahamwe zihiga abatutsi zibaziza ubwoko bwabo ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa uwari wamuhaye ubutumwa bwo kujya gutabara impunzi zari mu kigo cya Paruwasi ya Mibirizi agasubiza ko ubutumwa yabuhawe n'inama ya perefegitura yabaye ikemeza ko i Mibirizi hatabarwa, iyo nama ikaba yari iyobowe na Perefe Bagambiki Emmanuel, hagafatwa icyemezo cy'uko hakoherezwa abashinzwe umutekano ari bo bajandarume bo kujya kubungabubnga i Mibirizi n'uko Perefegitura yakohereza intumwa ari bo**

**Munyangabe Théodore, Kwitonda Pierre na Bandetse Edouard ngo zijye kumvisha izo nterahamwe ko zigomba kureka icyo gitero cyo kuri Paruwasi Mibirizi ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko inama yemeje ko ajyana na Kwitonda Pierre na Bandetse Edouard ari uko abo bagabo bombi, Bandetse Edouard yoherejwe na M.R.N.D. naho Kwitonda Pierre akoherezwa na M.D.R. kubera yuko muri icyo gitero hari higanjemo abayoboke b'amashyaka MRND na M.D.R. ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa amagambo baganiriye n'umugabo witwa Mucyo Antoine nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba ryo mu kwa kane 1994, i Kigali muri Panafurika, amaze gusomerwa ayo magambo akemera ko bayavuganye ; (Je regrette ce n'est pas Mbeneza Joseph qui devait mourir) ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yivugira ko ntacyo bapfa na MUCYO Antoine uretse ko Mucyo ari inshuti ye cyane ndetse akaba anavuka Paruwasi ya Shangi iwabo wa Munyangabe ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko kuba Mucyo yaramubonye ari kumwe na nyakwigendera Kwitonda bari muri Pajero ari ibinyoma, akanavuga ko kuba yarageze i Mibirizi akagirana akanama na Padiri Mboneza ari byo no kuba barahuriye i Kigali na Mucyo Antoine bagasangira ikirahuri, bakaganira ku byabereye i Mibirizi ari ukuri ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa abari bagize inama yabereye kuri Perefegitura ari na yo yamwohereje i Mibirizi tariki ya 18/4/94, agasubiza avuga ko iyo nama yarimo abantu b'ingeri zose aribo : Perefe Bagambiki Emmanuel wari uyoboye inama, aba Superefe bose n'abama Superefegitura, abakuru b'imirimo, abahagararie amadini yose, aba depite bavuka muri Cyangugu n'abahagarariye amashyaka ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko kuva imvururu zibaye mu Rwanda yagiye muri makomini incuro eshatu kandi akaba yarajyanwaga n'ubutabazi ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe ahamya ko Bandetse Edouard yakoze ubwicanyi bwo kuri Paruwasi ya Mibirizi, bari basangiye ubutumwa ariko akavuga ko bavuye mu nama yabohereje bagana i Mibirizi na Bandetse ubwo Bandetse akaba yaraje kumusiga amujya imbere ajya kubwira abari bagize igitero ko batagomba kumva ubutumwa Munyangabe abazaniye ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha buvuga ko Perefe Bagambiki yayoboye inama yamwohereje i Mibirizi kuya 18/4/94 kandi iyo nama yarashyigikiye itsembabwoko n'itsembatsemba, Munyangabe akavuga ko ibyo ntacyo abiziho gusa ko icyo azi ari uko Perefe ari we wagenzuraga imikorere ye ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa impamvu yagiye mu butumwa bwo guhosha imvururu adashinzwe umutekano, ahubwo yari ashinzwe ubukungu na tekinike, agasubiza avuga ko ari uko uwari ushinzwe umutekano atari ahari ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa ishyaka Perefe Bagambiki yari arimo akavuga ko Perefe Bagambiki yabaga mu ishyaka rya M.R.N.D. ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yivugira ko mu byo Mucyo Antoine amushinja harimo ibinyoma n'ibitari ibinyoma, iby'ukuri bikaba ari uko yabonye aza muri Pajero ari kumwe na nyakwigendera Kwitonda Pierre, kuba yemeza ko yahagaze agakorana akanama na Padiri Mboneza Joseph, no kuba barahuriye i Kigali bagasangira ikirahuri muri Panafurika akanavuga ko ibinyoma ari uko yamuhinduriye amagambo ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa niba ubwicanyi butarateguwe agasubiza avuga ko ubwicanyi bwabaye, ariko ko butateguriwe mu nama ya Perefegitura yamwohereje i Mibirizi ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa niba mu bari bagize iyo nama nta n'umwe waba warakoze ubwicanyi, agasubiza avuga ko uwakoze ubwicanyi muri bo ari Bandetse Edouard gusa, abandi bakaba ari abere ariko adashobora nabyo kubihamya ko ari abere ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko atabona ukuntu abantu bihaye Imana bagomba gukoresha inama y'ubwicanyi, akanavuga ko kugera ubu ataramenya gutandukanya amoko mu gihugu ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe asomerwa icyaha cya gatatu akabazwa niba yemera icyo cyaha, kuba yarafashije abandi gukora ibyaha by'itsembabwoko n'itsembatsemba i Shangi, Komini Gafunzo, Perefegitura ya Cyangugu akavuga ko atacyemera ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe asaba ubushinjacyaha ko bwamubwira abo yafashije gukora ibyo byaha, n'ibyaha uko byari biteye ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha buhamya ko Munyangabe yafashaga mu gukura abantu mu masegiteri akabarunda hamwe kugira ngo yorohereze interahamwe kwica abo bantu yarundanije ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha buvuga ko Munyangabe ajijisha ku by'amatariki, avuga ko yagiye i Shangi kuri 20.4.94 kandi yaragiyeyo kuri 27/4/94 ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe asobanura icyamujyanye i Shangi , ko yari atabaye na none impunzi zari zahungiye kuri Paruwasi y'i Shangi, abisabwe na Perefe Bagambiki ngo ajye guhosha igitero cyari cyagambiriye gutera Paruwasi y'i Shangi ;**

**RUMAZE kumva mu bimenyetso Munyangabe atanga by'uko yagiye i Shangi kuri 20/4/94 aho kuba kuri 27/4/94 avugamo imvugo y'uwitwa Kamatari Daniel aho umushinjacyaha yamubajije iminsi bamaze kuri Stade Kamarampaka Kamatari akavuga ko bahamaze iminsi 10 ; akanavuga ko bahavuye bajya i Nyarushishi kuri 28/4/94 ;**

**RUMAZE kumva akomeza kuvuga ko Munyangabe akina ku matariki abeshya, bikaba bigaragara mu mvugo ze, aho avuga ngo Kamatari Daniel umwe mu bo yakuye i Shangi abajyana muri Stade Kamarampaka ahamya ko yamaze iminsi 10 muri Stade akavamo ajya i Nyarushishi kuri 28/4/94 kandi Munyangabe yivugira ajijisha ko yabavanye i Shangi kuri 20/4/94 ugasanga iby'amatariki atari byo byagombye gushingirwaho kuko bitarimo ukuri ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko abantu 42 yakuye i Shangi mu modoka yari abazanye i Cyangugu ngo abashyikirize Parquet kuko bakekwagaho icyaha cyo kuba bafite imbunda ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa ububasha yari afite mu gukurikirana ibyo byaha ngo afate abantu babikekwaho abashyikirize Parquet, akavuga ko i Cyangugu, atari azi ko icyo kibazo kiri burebe Parquet, akanasobanura ko icyo yari agamije kwari ukubuza ibitero, atari uguca imanza akaba yarafashe icyemezo nk'umuntu ibibazo bireba ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha busobanura imikorere y'ibyaha ya Munyangabe bakavuga ko urebye uko ibikorwa byakurikirana, wasanga Munyangabe yarateraga inkunga abicanyi, ko iyo bitaba ibyo atagombaga koherezwa i Shangi kandi i Karambi byamunaniye ; ikindi akaba yaravuye i Mibirizi amaze kubona ibyo yagezeho, noneho akiha no kujya i Shangi nta basirikare afite ;**

**RUMAZE kubona amasaha akuze, iburanishwa rigahagara, hagafatwa icyemezo cy'uko ruzakomeza kuri 17/2/1997 ;**

**RUMAZE kubona itariki ya 17/2/97 igeze maze iburanishwa rigakomeza Munyangabe akibutswa aho iburanisha ryahagarariye ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe asomerwa icyaha cya kane cy'uko ubwo yari muri Stade Kamarampaka, Komini Kamembe, Perefegitura Cyangugu tariki ya 16/4/94, i Mibirizi, Komini Cyimbogo tariki ya 18/4/94 na 19/4/94 ni Shangi, Komini Gafunzo Perefegitura ya Cyangugu tariki ya 27/4/94, yarafashije abandi gukora ibyaha by'ubuhotozi akavuga ko icyo cyaha atacyemera na mba ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa ko atigeze agera muri Stade Kmarampaka agasubiza avuga ko muri ibyo bihe by'intambara ya 4/1994 yageze muri Stade Kamarampaka incuro 3 nk'uko yabisobanuriye ubushinjacyaha ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa amatariki yagiye agiraho aho hantu akavuga ko atibuka neza amatariki ariko ko hari ayo yibuka nko kuri 24.04.94 ubwo yavanye abantu i Shangi abazanye kuri Stade i Cyangugu no kuri 9/4/94 ubwo yajyanaga n'abazungu ba C.I.C.R muri Stade Kamarampaka na tariki ya 9/4/94 ubwo yari i Karambi ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha bwongera kuvuga ko Munyangabe ajijisha ku matariki bikaba bigaragara mu byo yivugira wenyine ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa abo bagendanaga agera kuri Stade Kamarampaka incuro 3 agasubiza avuga ko ubwa mbere yari kumwe n'abantu bahagarariye CICR bari baturutse i Bukavu muri Zaïre na Perefe Bagambiki n'umukuru w'abasirikari Manishimwe Samuel n'abandi ashidikanyaho ari bo Padiri Ndorimana na Tadeyo ; ubwa kabiri yari kumwe n'abantu yari avanye i Shangi ; ubwa gatatu yari kumwe na Bideri Masumbuko wari Veterineri mu Cyimbogo ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa uruhare buri wese muri abo bageramye muri Stade, yari afite mu gutabara abo bantu bari muri Stade agasubiza avuga ko Perefe we yari yagiye kwakira abari baturutse i Bukavu bo muri C.I.C.R.;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa icyo bajyaga gukora bose muri Stade akavuga ko umuzungu wo muri C.I.C.R. yifuje kubonana n'impunzi bakajyana naho Bideri we akaba yaramuhawe na Perefe ari na we wari umutumye muri Stade kureba imfunguzo zari zifitwe na Madamu Yudita wari muri Stade ngo Bideri amumwereke kuko atari muzi ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha buhamya ko abategetsi bajya gukura abantu muri Stade bakabica, Munyangabe yari ari muri Stade kuri 16/4/94, hakaba hari hari nabantu bari bavuye kwa Musenyeri kuri 15/4/94 ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko ibyo ari ukumubeshyera kuko nta na rimwe yigeze agera muri Stade ngo hagire abantu basohora abandi muri Stade ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa niba mu bantu yashyize muri Stade nta numwe wigeze apfa, akavuga ko atari we warindaga iyo Stade ari nayo mpamvu atabihamya ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yivugira ko hari igihe abantu bari muri Stade bashatse kuvamo noneho interahamwe zikabica ;**

**RUMAZE kumva na none Munyangabe yongera guhamya ko hari abantu bagiye muri Stade bavanamo abantu barabica, abo bakaba ari abanyamashyaka bari kumve n'umukuru w'abasirikari Manishimwe Samuel na Perefe Bagambiki, ariko akaba atibuka neza itariki ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha buvuga ko mu bo Munyangabe yakuye i Shangi hari uwashatse kuva mu modoka kugira ngo ajye iwabo kuko yari ahegereye kandi yumvise ngo iwabo bitarakomera, uwo akaba ari Nkurunziza Jean Pierre, akazabazwa mu ruhame n'urukiko kandi akabihamya yemeza koko ko ari ukuri akanongeraho ko yamubwiye ngo navamo bamurase;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yiregura avuga ko yashakaga ko umutekano wa Nkurunziza udahungabana akaza kumubazwa ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa impamvu atamujyanye iwe kandi ho hari umutekano uhagije akavuga ko nta mutekano yari ahizeye ;**

**RUMAZE kumva Muyangabe avuga ko Perefe Bagambiki atigeze amutuma umuntu ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha busobanura ko Munyangabe atari kugira ubwoba bw'uko yabazwa umuntu ari we Nkurunziza Jean Pierre kandi ntawamumutumye ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe asomerwa icyaha cya gatanu cy'uko yafashije abandi mu byaha bigamije kuyogoza igihugu, kwica no gusahura ari i Karambi, Segiteri Cyato, Komini Cyimbogo, Perefegitura Cyangugu tariki ya 10/4/1994 akagihakana avuga ko icyo cyaha ari igihimbano atacyemera kuko kuri iyo tariki ya 10/4/94 atigeze ajya i Karambi ahubwo ko yahageze kuri 9/4/94 ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha bwo bwemeza ko iyo tariki ya 10/4/94 bwayihawe na Munyangabe ubwe noneho akaba yarabeshye ubushinjacyaha nkana ashaka gufatiraho ibimenyetso ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yivugira wenyine ko yageze i Karambi nta muntu wari bwahicirwe ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha bugaragaza imikorerwe y'icyo cyaha bukanagaragaza ko Munyangabe yageze i Karambi kuri 10/4/94 ahavuye amagambo yasize ahavugiye agashyirwa mu bikorwa n'abaturage;**

**Ibitekerezo bya politiki;**

**RUMAZE kumva Munyangabe asomerwa icyaha aregwa cya gatandatu cy'uko yagize uruhare mu mitwe igamije kugirira nabi abantu kuwa 16/4/94 muri Stade, kuwa 27/4/94 i Shangi, kuwa 18/4/94 i Mbirizi no kuwa 20/4/94, akavuga ko icyo cyaha atacyemera kandi atashobora gusobanura impamvu atacyemera ntiyanacyiregura ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yongera gusomerwa icyaha aregwa cya karindwi cy'uko ari i Karambi, Komini Cyimbogo kuwa 10/4/94 yateye imvururu mu baturage agamije kubasubiranishamo ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa niba yemera ikirego cya karindwi akavuga asaba ko mbere yabanza gusobanurirwa ukuntu yateje imvururu ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha busonanura ukuntu Munyangabe yateje imvururu mu baturage, kubera amagambo yababwiye i Karambi, akaba ari ayo magambo abaturage bahereyeho batemagura abandi baturage ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko i Karambi yashohoje ubutumwa gusa, nta kindi ahakoreye ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha bwongera gusobanura buvuga ko icyajyanye Munyangabe i Karambi kwari ugutangirira abaturage baho umurimo wo kwica kuko yari amaze kubona ko nta kibazo bari bafite bari biyumvikaniye, yahagera**

**akabwira ko batagomba gusinzira bakwiye guhaguruka bagakora, yahava bagahita batangira kwica abo bumvikanaga, basangiraga, abaturanyi babo kuko badahuje ubwoko cyangwa ibitekerezo bya politiki ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko we yajyanywe no gutabara yagiyeyo imvururu zihari kandi ko imvururu atari ukwica gusa, imvururu we avuga ko ari umutekano muke utarimo kwicana ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yibutswa icyaha aregwa cya munani cy'uko yirengagije gutabara abari mu kaga gakomeye cyane cyane i Mibirizi n'i Shangi akavuga ko icyo cyaha atacyemera, akanatanga ibimenyetso by'uko yasuye impunzi zari muri Paruwasi Shangi, akanazigemurira ibyo kurya n'imiti kuwa 10/4/94 akanagemurira nanone impunzi z'i Shangi afatanije na Padiri Oscar, toni 3 z'ibyo kurya kuwa 13/4/94 ; tariki ya 15/4/94 yongera kubohereza toni 4 ; tariki ya 20/4/94 yongera kohereza ibiryo aho i Shangi, akaba yaranarokoye abantu 3 iwe ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha buvuga ko Munyangabe yagendaga aho hantu hose ngo kugira ngo yorohereze abicanyi kandi aho yageraga yasigaga atanze itegeko yahava abantu bagashira ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko yahawe ubutumwa bumwe na Bandetse n'abajandarume ariko ntibajyanirana uretse ko yari azi ko bari buhurireyo, ko uwo Bandetse ari we wishe abantu i Mibirizi, naho i Shangi bishwe na Yusufu ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko mu hantu hose yajyaga yatumwe n'inama y'umutekano rimwe gusa ubundi yatumwaga na Perefe Bagambiki hakaba n'ubwo yikoreraga wenyine ibikorwa by'ubutabazi atabikoranye byose na Perefe Bagambiki kuko hari igihe Perefe yamutumaga n'igihe yitumaga ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe avuga ko ibikorwa by'ubutabazi bya Perefe Bagambiki atabyibuka gusa icyo yibuka ari uko yagiye muri Kagano ariko ko atamubwiye icyari cyamujyanyeyo ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa niba hari icyo yahakoze akavuga ko bimunaniye gusubiza ;**

**RUMAZE kumva ubushinjacyaha busobanura ko bushaka kugaragariza urukiko ko akaga gakomeye abaturage bari bafite atari inzara ahubwo ko ari itsembatsemba na none ibyo Munyangabe avuga ngo yari yatanze ibiryo n'imiti ahubwo Munyangabe bamusabye imodoka yo kugemurira abo bantu ibyo biryo byatanzwe n'abanyamadini ; igihe Munyangabe yapakiye abantu muri Dahiyatsu n'igihe yashinjaga abo bantu ngo bahawe imbunda n'inkotanyi noneho uwitwa Samuel aza gutuma Yusufu ngo aze gukuraho umwanda ibyo ni uko Munyangabe ari we wari umaze kubagira umwanda abavanyemo abari bakomeye ; kuba rero batarafashe ibyemezo bikwiye bagafata icyemezo cyo kwica ni uko yari yabonye ukuntu byagenze i Mibirizi adafite abasirikare noneho abona ko ari ngombwa kugenda nta basirikare .**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa kwisobanura ku byo ubushinjacyaha bushaka kugaragaza ko yakoranaga na Manishimwe akemeza ko ibyo atari byo ko bumubeshyera ngo yaba yaratumye Yusufu bari kumwe ; ko yumvise ko Yusufu yaba yaratumwe na Manishimwe abibwiwe n'umuntu wakoraga kuri telefone ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa uwo muntu uwo ari we wamubwiye ko Yusufu yatumwe na Manishimwe, akavuga ko uwo muntu yitwaga Théodore noneho uwo akaba ari we wabwiwe na Manishimwe ko bazajya gukuraho umwanda wasigaye i Shangi ; uko abizi icyo Samuel yise umwanda ni impunzi zose zari zasigaye i Shangi ;**

**RUMAZE kumva Karuga Jean umugabo watanzwe n'ubushinjacyaha mu rubanza, mbere y'uko abazwa akabanza kurahira ko ibyo avuga ari ukuri agatanga Imana ho umugabo, Urukiko rukamusaba kugira icyo avuga ku byabereye i Mibirizi, agasubiza ko we yakoraga i Mibirizi, noneho nyuma yinama z'amashyaka habaho urupfu rwa Bucyana n'abandi, noneho arahava ; ibyo yabonye kuwa 6/04/94, aho i Mibirizi ni ivangura ry'amoko ryahabaga, noneho aho abanyamashyaka batangiriye kuvangura abantu abahigwa bagafata inzira y'ubuhungiro muri Paruwasi we n'abandi ba Professeurs batangiye kwakira impunzi zahahungiraga noneho nyuma y'iminsi uko Radiyo n'abategetsi bacengezagamo abantu amacakubiri ni nako ibintu byatangiye kugenda nabi n'amazu ashya, ariko bagatinya kuri Paruwasi akaba bari bazi ko bahafite abasore benshi kandi bafite imbaraga uretse ko nta ntwaro bari bafite, bigeze ku itariki ya 13/4/94 haje agatero kababonye karatinya kubera ko bari bafite amabuye n'induru nyinshi bamaze kubona ko hari abantu baza gutera bashakisha ukuntu ko kwirindira umutekano ; ku itariki ya 15/4/94 haje ikindi gitero kirimo abantu benshi barimo Bandetse, babatumaho umuntu ngo aze ababwire biyandike batangira kurunda amabuye noneho babibonye baraza babatera Grenade hapfa benshi barimo uwitwa Bihumbiri ; ku itariki ya 17/4/94 nibwo abayobozi barakaye ngo bananiranye barasa mu kigo basaba abakobwa bose babahutu ngo bavemo batazapfana n'abatutsi ; ku itariki ya 18/4/94 bamaze kubona ko bamaze gushira bose niho bafashe umagambi wo gushakisha ukuntu bajya muri Zaïre noneho uwo munsi sa yine interahamwe ziraza zituma kuri Padiri ngo atange abantu 40 bo baranga babatera ariko birwanaho basubirayo n'amabuye bose bazira Munyangabe kubera ko ari we waje kubakura mu birindiro byabo ; noneho Munyangabe yaje kuza azana na Depite baravuga ngo ntibasubire mu kigo ngo usubiramo baramurasa, imfashanyo bavuga yari abazaniye barabibonye ariko bari babizaniye abasirikare noneho Munyangabe aza kwicisha Mederesa ;**

**RUMAZE kumva Karuga Jean abazwa niba Munyangabe yari yaje aho i Mibirizi, agasubiza ko Munyangabe yari ahari ndetse yibuka ko yamubajije ngo « wowe ntiwapfuye ? » yongeraho ngo nibamuhe amafaranga inkotanyi zabahaye ; icyababaje kandi atibutse kuvuga ni uko Munyangabe n'abo bari kumwe baje mu modoka ya Nagapfizi kandi bamaze kumwica ;**

**RUMAZE kumva umugabo wa kabiri watanzwe n'ubushinjacyaha mu rubanza ari we Ngarambe Alphonse abazwa cyane cyane ku byabereye i Shangi, akavuga ko**

**ku itariki ya 17/4/94, Munyangabe yaje i Shangi ari kumwe na Konseye na Padiri noneho bakora inama ariko bari bahungiye hafi aho baza kubona baje mu nama saa cyenda, barahamagara ngo hari inama abwira abaabacunga ngo uwo azajya ahamagara ajye ahita yinjira mu modoka. Yongeraho ngo bo ni bo bateza umutekano muke, ngo barabajyana bageze imbere bakuramo umuntu bamutera icyuma, bageze ahandi bakuramo Kinongo bamutera icyuma bamusiga aho bamubwira ko abasigara bazagira amahoro ariko nyuma baje kubabwira ko abasigaye bose bapfuye ;**

**RUMAZE kumva umugabo wa gatatu abazwa ari we Nkurunziza J.P. ku byabereye i Shangi, akavuga ko hari kuwa gatatu itariki atibuka neza, aho rero i Shangi Munyangabe arababwira ngo nibaze mu nama kuko yahigwaga yasohotse nyuma y'abandi abona Depite, Munyangabe na Padiri n'uwari Perezida wa Kanto Gafunzo n'abandi noneho baravuga ngo babajyanye i Cyangugu (Kamembe) abandi bagiye mu modoka we atinya gusigara ubwo yiinjira mu modoka bageze hafi n'iwabo, amusaba ko yasigara aranga ngo iwabo ntihari umutekano ; barakomeza bageze hafi ya Komini Gisuma babonana n'ab'iwabo barababwira ngo hari umutekano, bageze hafi y'akayira barahagarara amusaba ko yavamo aranga ; Munyangabe abwira umujandarume ngo niyanga amurase, ubwo arinjira baragenda nibwo babagejeje kuri Stade ariko babanje kubica nabi, Perefe ntabwo yari amuzi ariko yaje ahamagara izina rye ; ubwo ni Munyangabe wari warimubwiye ; noneho ko yashakaga kubakiza aho bagereye muri Stade babateyemo amagrenade kuki ataje kubareba ? Nibyo avuga ngo nta shyaka yari arimo nabyo ni ukubeshya yari mu ishyaka rya M.R.N.D. ;**

**RUMAZE kumva umugabo wa kane abazwa amaze kurahira ari we Nyirantama ku byabereye i Karambi agasubiza ko ku cyumweru ariho babonye uyu Munyangabe ; yaje asanga amazu ashya ubwo haza umusore wari ufite impapuro numupanga noneho aramubwira go « wa gicucu we ubona uyu mupanga ari uwo gutema abatutsi ? », ubwo bumva isasu rivugiye hepfo rihitana uwitwa Gasesero ; ku mugoroba niho intambara yakomeje bahitana benshi ; ibyo Munyangabe avuga ngo yari aje gutanga umutekano ni ukubeshya ahubwo yari azanywe no gukongeza ;**

**RUMAZE kumva Nyirantamati abazwa icyo Munyangabe yakoze aho agereye i Karambi agasubiza ko yohereje abantu gutema abandi ;**

**RUMAZE kumva Nyirantamati abazwa ko yari asanzwe azi Munyangabe, agasubiza ko atari amuzi ;**

**RUMAZE kumva umugabo wa gatanu ari we Nyiratuza Léocadie abazwa amaze kurahira ku byo azi kuri Munyangabe muri biriya bihe akavuga ko Munyangabe yaje muri Karambi nyuma ya saa sita asanga abantu bataramye ku kabuga, akababaza ngo ese ni iki baramubwira ngo hari ibitero ? Ubwo hariho umugabo witwa Kaburembo aravuga ngo ese iki si igitutsi ? Hakaba umugabo w'umuhutu wari ufite umupanga Munyangabe aravuga ngo uyu mupanga watema umututsi ; undi mugabo aramubwira ngo dore amazu arimo gushya ; arasubiza ngo baramwereka amazu aho bamweretse imirambo ; nibwo abatutsi bahunze**

**asigarana na bene wabo b'abahutu atangira kuvugana na bo, nuko ku mugoroba ibintu biba biracitse ;**

**RUMAZE kumva umugabo wa gatatandatu ari we Bushiru J. abazwa amaze kurahira ku byabereye kuri Stade agasubiza ko hari ku itariki ya 23/4/94 aho Bucyana apfiriye yari mu Karangiro kuri Butike babona ko hariho abaturage bari bari kureba abandi nabi agiye kuwitwa Bennoît bagiye kuri butike ye barasahura baratwika harimo no kwa Gapfumu abo bose barapfuye, ubwo nibwo batangiye bajya muri Katederali kugeza aho Habyarimana apfiriye nyuma niho Bagambiki yaje abwira umukecuru ngo ese hari umuntu wapfuye ; umukecuru we akamusubiza ko nta muntu wapfuye, aravuga yakore enquête gute nta muntu wapfuye, aho barabashoreye, babajyana kuri Stade ari amayeri yabo noneho ku itariki ya 15/4/94 babonye amamodoka aje kuri Stade hazamo abasiriikare n'abategetsi barimo Munyangabe n'umugabo witwa Ngagi bari kumwe n'i Mibirizi bahageze baravuga ngo hari ahantu bashaka kububakira bakava muri Stade ; ubwo ni bwo bavugaga ko muri Stade harimo abantu bahawe intwaro n'inkotanyi n'abantu bajyanye kugeza uwo munsi ntibababarekura ; Ngagi ni we wavuze ngo ese abandi bazabacikira he nyuma yaho yahaye umuntu amafaranga aricikisha ajya muri Zaïre ibyakurikiyeho ntabizi ;**

**RUMAZE kumva umugabo wa karindwi ari we Nzisabira Joseph abazwa amaze kurahira ibyo ashinja Munyangabe, akavuga ko icya mbere ashinja Munyangabe ari uko mu gihe bica umugabo witwa Nagapfizi akamwambura n'imodoka agakomeza kuyigendamo, hariho n'undi mugabo basutseho essence batwika n'imodoka ye noneho we ariruka, icyiyongeraho Munyangabe yaje kuri Stade azanye liste y'abantu azanamo uwitwa Géorges n'abandi benshi barimo n'uwitwa Isidore kandi ibyo avuga ntiyabibwiwe n'abandi bantu yarabyiboneye n'amaso ye ;**

**RUMAZE kumva umugabo wa cyenda ari we Nsabimana J.B abazwa amaze kurahira ibyo ashinja Munyangabe akvuga ko ibyo amushinja cyane cyane ku byabereye Karambi mu Cyato interahamwe zaje ziri kumwe na Konseye wabo barasa bazanye n'igitero barabatwikira barahunga, ariko bari bibasiye ubwoko bw'abatutsi ; ku itariki ya 9/4/94 Munyangabe araza abaza uko byagenze arigendera ntiyabakura ajya kuri Segiteri agarutse yazanye n'igitero cya simusiga ahageze yambuye umusore wari ufite inkoni arayimukubita hafi aho hakaba undi mugabo wari ufïte imbunda amukubita ikibatira cy'umupanga avuga ngo « ese iyi ni inkoni yo gukubita umututsi cyangwa se uyu ni umupanga wo gutema umututsi ? » Ubwo nicyo gihe igitero cyaje gitema umusaza bari kumwe hapfa n'undi muntu ; nyuma yaho yaje guhungira i Mibirizi ; ahageze ahasanga abantu benshi nibwo Munyangabe yaje mu masaa cyenda ari kumwe n'abandi barimo Bandetse ngo baje gukoresha inama ; iyo nama itararangira baba bishe abantu benshi noneho Munyangabe yisubirira i Cyangugu (Kamembe) ; kuba avuga ko yaje gukiza abantu ni ikinyoma, kuki se aho yageraga abantu bagahitaga bapfa ubwo niwo mutekano avuga ?;**

**RUMAZE kumva umugabo wa cumi ari we Mugenzi Epimaque abazwa amaze kurahira ibyo ashinja Munyangabe akavuga ko amushinja cyane cyane ku byabereye i Shangi ; ku cyumweru Munyangabe, Mategeko, Bipfubusa, Mutabazi**

**na Konseye Aloys bari mu mamodoka Dayihatsu barababwira ngo bafite imbunda bahawe n'inkotanyi ngo nibaze babajyane kuri Parquet, babapakira mu modoka bari abantu 41 bageze mu Bushenge bicamo uwitwa Samuel, bagaze imbere nanone bicamo uwitwa Kinomo, abo bose ni we wabicishije, bageze kuri Perefegitura umusirikare arabaza ngo ese aba bantu ni abande ? Agasubiza ko ari aba Munyangabe, ubwo abasirikare batangira kubakubita, asanga Munyangabe yaragize uruhare rukomeye mu gutegura ubwicanyi, dore ko ahantu hose hapfuye abantu yagezeyo abeshya ko ari inama yita iy'umutekano yamutumyeyo kandi bitari mu nshingano ze dore ko yari ashinswe Ubukungu na Tekinike;**

**RUMAZE kumva Sibomana Charles ashinja Munyangabe amaze kurahira, akavuga ko uyu Munyangabe yaje i Shangi ari kumwe na Padiri Mategeko na Depite Barigira na Bipfubusa Malakiya na Nsanzurwimo ; yarabateranije atangira kubashinja imbunda na essence ngo n'amaradiyo ngo baganiriragaho n'inkotanyi, atangira guhamagara, uwo ahamagaye yurira imodoka arongera aravuga ngo abagome bari babarimo babavuyemo abandi bazazasigarana amahoro noneho bagenda bakuramo bamwe barabica bavuga nka Rwigara Samuel n'abandi ; aho bagereye kuri Jandarumeri barabakubita bose bakaba bafite inkovu mu mitwe, nabagiye banyerezwa ni we wabanyereje ; ibyo bikorwa byose bikaba bigaragaza uruhare rukomeye yagize mu bwicanyi bwabaye muri iki gihugu ;**

**RUMAZE kubona amasaha akuze, maze iburanisha rigahagarara, hagafatwa icyemezo cyo kuzarusubukura ku itariki ya 18/2/1997 ;**

**RUMAZE kubona iyo tariki ya 18/2/97 igeze maze Perezida w'iburanisha agasubukura iburanisha Munyangabe akibutswa aho iburanisha ryahagarariye ;**

**RUMAZE kumva Twagiramungu Cyprien ashinja Munyangabe, amaze gutanga umwirondoro we ndetse amaze no kurahira abazwa ibyo ashinja Munyangambe akavuga ko Munyangabe amuzi ari Superefe yamubonye ubwa mbere muri Komini Cyimbogo tariki ya 10/4/94 hari abantu bari bavuye kwica abantu i Nyakanyinya barimo kumuha rapport ; muri iyo rapport bamuhaye ibyabantu bishwe harimo amatungo, inka 12, intama 15, zizanywe n'umujandarume witwa Mandela ; Munyangabe yarazanditse azishakira n'umushumba ; hari n'umuntu waje, bamaze kumutema Munyangabe amubaza ati baguhoye iki, ubwo batakwishe isubirireyo ntacyo bitwaye hari n'abapolisi ; bari kumwe na Munyentwali Faustin na Munini Vianney, nyuma y'iminsi itatu yagarutse gufata rapport kuri Komini, anayobora inama y'abakonseye ngo batume abantu bane muri Segiteri ngo bazabahe intwaro zo kubungabunga umutekano, bukeye babandi bashakaga babashyira ku kibuga babambura amashati bareba uko bameze ubwo yabareberaga aho yari afungiye kuri Segiteri Winteko niyo yananiranye umwanya muremure mu gutanga abakandida kubera ko bose bari barebare babita ngo ni abatutsi ; Segiteri ya Nyamagana ku bantu babiri nibo bananiranye, abo barwaniraga umwanya wa mbere ari babiri kuko umwe muri bo ntibamwizeraga ngo yarafitanye isano n'Abatutsi, bamaze kubacamo amakipe bagiye muri Salle ya Komini Cyimbogo ubwo Munyangabe ni we wayoboraga Komini Cyimbogo by'agateganyo yagiye imbere y'abaturage ababwira ko agiye kubaha intwaro zabo, bageze ku Winteko gutanga intwaro baravuga ngo hari umuntu bibeshye ko ari umuhutu bamuha**

**intwaro kandi mwene wabo bamaze kumwica mu Gisakura kandi ko yari umututsi, uwo batari bizeye bamugarukirijeho imipanga, Munyangabe aravuga ngo uwo nimumureke yadufashije gukora (kwica) ; inama yahise ishira bajya ku mucuruzi witwa Miruho Augustin ;**

**RUMAZE kumva na none Twagiramungu ashinja Munyangabe avuga ko itariki ya 22/4/94 na Yusufu wo mu Bugarama bateguye inama mu Gishoma n'agace gatoya ka Murehe muri iyo nama bavuze ko harimo abantu bakihishe mu giturage kandi harimo n'abize, bemeza ko Yusufu ari we uzajya ayobora inama ; umwanzuro bafashe muri iyo nama baravuze ngo bashakishe abantu bose b'abatutsi bize ngo barangize ibibazo byabo ; Munyangabe yahise ajya muri Gishoma (Mushaka) gukoresha inama nkiyo ngiyo kubera abazi ubwenge bakabashyira hamwe naho abatazi ubwenge bakabashyira ukwabo, nanone uyu Munyangabe yigeze gutelefona kuri Komini Cyimbogo yitaba telefone, asaba ko bamwoherereza imodoka ya Komini ikajya kuzana uwitwa Sinayobye uri i Mibirizi ajya kumutwara ngo n'uwitwa Rwabukera Fabien, aho Karuga Jean yavuze ati « icyatubabaje ngo ni uko yaje mu modoka ya Nagapfizi kandi bamaze kumwica » ; Ignace uvuga ko yagize uruhare mu rupfu rw'uwo Dr Nagapfizi agira ngo amenyeshe Urukiko ko atagize uruhare mu rupfu rwa Dr Nagapfizi muzabaze uko yapfuye abantu benshi barabizi kandi imodoka zose za leta zararaga kuri Perefegitura ariko igihe yajyaga gukora kure yayijyanaga imuhira, uko yabyumvise umuntu wabivuze bwa mbere ni Nzemana Pius avuga ko yishwe n'interahamwe ; mu mvugo ya Karuga Jean yemeza ko i Mibirizi hari abajandarme akavuga ko baje kurinda abapadiri babo akongeraho ko abo bajandarume bagombaga kubakoresha bagahangana n'interahamwe nyamara abo bajandarume iyo bagira ubushobozi n'ubushake bwo kugira ngo barwane n'igitero, nabo bapadiri baba barabakoresheje ; kuba rero kuva mu gitondo ntacyo abo bajandarume bakoze ni uko bari bafite ubushobozi buke, ndetse nubushake buke, niyo mpamvu asaba Leta kubazwa cyangwa se kwisobanura kuri Responsabilité y'abakozi bayo yakoreshaga ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yisobanura ku byo Ngarambe Alphonse amushinja, yasobanuye ko ibyinshi yavuze ai ko byagenze, uretse ko hari aho yagiye agoreka cyangwa ntahuzuze, aho yavuga ni uko iyo asobanura ibyababayeho amaze kugera kuri Burigade, avuga yuko yatelefonnye ariko ntavuge ko yahise ajya ku Rusizi gushaka uko yabarokora ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa ko hari abagabo afite bavuguruza imvugo z'abagabo bamushinja ; agasubiza ko ntabo yazanye kuko Urukiko rutabatumiye ;**

**RUMAZE kumva ijambo ry'Umushinjacyaha ku cyifuzo cya Munyangabe kiri muri rumaze iri haruguru ; Ubushinjacyaha bwavuze ko abagabo Munyangabe avuga mu nyandiko yo kwiregura iri muri dossier, bageze i Karambi mu iperereza bakababura abo ni: Nzabanita Félix na Munyakazi bituma bashaka abandi bagabo basaba Urukiko ko rwamubaza icyo buri mugabo yavuguruza ku byo ashinjwa ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe asabwa kugira icyo avuga ku byo bamushinja agavuga ko agira ngo mbere na mbere ahere ku byo Twagiramungu Cyprien amaze kuvuga ; akemeza ko ari ibinyoma kuko agenda yivuguruza, icya mbere yabanje**

**kuvuga ni uko yavuze ko babanaga kuri Komini mu matariki ya 10-27/4/94, icyo kikaba ari ikinyoma kuko atigeze aba kuri Komini Cyimbogo, yabaye muri PPE ku musozi wa Cyangugu no mu yandi mazu ya Leta nko kuri Plaine ; icya kabiri avuga ati « tariki ya 10/4/94 nagiye kuri Komini Cyimbogo, ariko ejo hari uwavuze ko nari kuri i Shangi none se nabaye ahantu habiri nte mu gihe kimwe, aravuga kandi ko namuririye amatungo ariko ntavuga ahantu yayakuye ndetse no mu buzima bwe yatunze inka ariko arazigurisha » ; kuba yaba yarayoboye inama y'abakonseye muri Cyimbogo, iki kibazo cyererekeranye n'icy'abantu batoranijwe yakibajijwe na Pariki, yabyumvise nk'uko undi muntu wese yabyumvise, uwari ubishinzwe ni umukoloneli Singirankabo wari ufite imodoka kandi ibyo byabaye mu mpera z'ukwezi kwa 5 no mu ntangiriro z'ukwa 6, byabaye mu gihugu hose, uriya mugabo ati muri izo nama yumvaga ibyo bavuga akongera ati "nari mfunze", umuntu akaba yakwibaza niba yari afungiye muri salle y'inama ukayoberwa, ngo nigeze nterefona nsaba imodoka ya Komini ndi kuri Perefegitura ngo njye i Mibirizi " aravuga ati imodoka ni Superefe wazisinyiraga essence koko ni we wasinyiraga amafaranga yagombaga gusohoka muri Komini ; nyamara mu kwezi kwa n'ukwa 8 Perefe yamwambuye ububasha bwo gusinyira abakonseye amasheke na za bon d'essence lisiti zo guhemba byose by'amakomini abimwambura avuga ko afite akazi keshi abiha Superefe Muhayimana Amoni ; ibyo byabaye mu kwa 7, 8 uwo Superefe yari ashinzwe iby'ubutegetsi n'amategeko bitangaza abantu bose ; icyo yemera mu byo bavuze ni uko yigeze gutira imodoka ya Komini Cyimbogo kugira ngo ajyane umurwayi kwa muganga i Butare abigeza kuri Perefet ;**

**- icyo avuga ngo haje kuza umujyanama witwa Manasse ngo aje gusimbura ku buyobozi bwa Komini uwo mujyanama yagiyeho ku buryo bw'agateganyo asimbura Habiyaremye ;**

**- ikindi yemera ni uko hari igihe yigeze kujya mu nama kuri Komini Cyimbogo mu kibazo cyerekeranye no gutegura imigambi y'amajyambere ya Komini nko muri 92 cyangwa se 93 niyo nama azi ;**

**- icya nyuma yemera ni uko yavuze ko uwo Superefe bamwizeraga akaba ari yo mpamvu Yusufu ari we wayoboye inama ; kutamwizera byatangiye muri 89 ;**

**- ku byo Karuga Jean avuga ashinja ngo mu gihe cy'i Mibirizi, we yavuze ko bahanganaga n'interahamwe bakazinesha ati nyuma haje ibitero bikomeye bifite imbunda na za Grenades bo bacungira ku mabuye, iyo mvugo ye iravuguruza ibyo yari yavuze mbere, avuga ko bari bafite ububasha bwo guhangana na bo ;**

**- ikindi kandi mu bashinja na bo bemeza, ni uko ku itariki ya 18/4/94 atageze i Mibirizi, yuko iyo intervention yakoze ari yo yatumye barekeraho kubakubita nkuko na we yivugiye ati umusirikare yaravuze ngo abo bantu nmbareke ; icyo yireguraho ni uko we atari azi niba ari ukubakiza cyangwa kubica, we yemeza yuko kwari ugushaka kubakiza, we yabakuye kuri Burigade abajyana kuri Stade ko yabonaga ariho hari hari umutekano ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa ko mu bantu yakuye i Mibirizi ko ntawapfuye, Munyangabe yasubije ko bamubwiye umusaza umusaza witwa Rwigara Samuel nabyo yabyumvise kuri Stade yuko yageze haruguru yo kwa Bwanandege noneho arasimbuka umushoferi wariubatwaye ntiyabimenya ;**

**RUMAZE kumva na none Munyangabe abazwa ko nta wundi muntu yaba azi wapfuye, Munyangabe kavuga ko yaraye abwiwe uwitwa Kiningo na we ngo baba**

**barishe, ariko Urukiko rwazabakurikirana rukamenya ababa barabishe, ari n'i Shangi yakoraga uko ashoboye kugira ngo arebe ko barokoka ;**

**RUMAZE kumva na none Munyangabe akomeza kwiregura ku byo Ngarambe amusjhinja, akavuga ko ibyo yavuze ngo yarobanuye abasore gusa atari ukuri ko ari ibinyoma kuko n'Urukiko rwabibonye mu bashinja uretse Kamatari François, Nkurunziza J.Pierre na Kayitarama Epimaque, abandi bose bari abantu bakuze ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa icyo yakurikije kugira ngo arobanure abasore gusa, yavuze ko atari we wabarobanuye nkuko bakunze kubivuga kenshi, lisiti y'abo bantu yakorewe mu nama itanzwe n'abo bantu bashyikiranaga bavuga ko bagera nijoro bakava mu kigo cya Paruwasi bakajya mu giturage kubabuza umutekano, bavuga ko ngo baba bari bafite n'intwaro ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe abazwa impamvu yatumye yemera kujyana abo bantu bavuga ko batera umutekano muke mu baturage kandi yarabonaga ko atari bo batera umutekano muke ahubwo ari bo babuze umutekano, Munyangabe agasubiza ko abamaze kubivuga yabonaga atari ukuri bavuga ahubwo ko ari urwitwazo bashyiraga imbere y'iyo nama kugira ngo babone uburyo bwo kwiroha mu kigo cya Paruwasi n'icy'ishuri ryisumbuye rihari basahure kandi bice n'abantu ni nako umubikira witwa Madeleine yabivuze atabaza, aho rero byabaye ngombwa ko ahitamo urwo rwitwazo batangaga cyangwa batarwemera, ashingiye ku bitekerezo bye yanze kubyemera aribyo bidafite ingaruka zikaba nkeya, kuko yabonaga ko abo bantu abajyanye ntacyo bazaba, kuko n'ubundi n'abandi bantu bari begereye ako karere bakoraga uko bashoboye kugira ngo bagere kuri Stade, kuko ariho bari bizeye umutekano kandi n'abari basigaye, abaturage bari bamaze kubimwemerera ko ntacyo bazabatwara, niyo mpamvu yahisemo kubatwara i Cyangugu ;**

**RUMAZE kumva Munyangabe yiregura ku byo Nkurunziza J.Pierre amushinja agasobanura ko NKURUNZIZA ajijinganya ku matariki, ashaka guhindura itariki yo kuwa 20/4/94 yari yahamilije Ubshinjacyaha akayitirira iya 27/4/94, akaba ari amayeri yashatse gushyira imbere y'Urukiko kugira ngo arebe ko iriya tariki ya 27/4/94 yakwemerwa bityo ibyaha bayimuregaho i Shangi bifatweho ukuri kandi nibyo bashatse kumurega ku itariki ya 20/4/94 bifatweho ukuri, akibutse yuko inyandiko Nkurunziza yashyikirije Parike amushinja yayikoze bigishyushye nta n'umwaka wari washira ibyo bintu bibaye, ibyo ubushinjacyaha buvuga ko inyandiko y'uwari Konseye wa Shangi yayishyikirije ko ariyo itakwizerwa kuko yakozwe hashize imyaka 3 ibyo bintu bibaye ; abo Nkurunziza J.Pierre yemeza ko atazi neza yuko yashakaga kubakiza, ikmenyecyo cy'uko yashakaga kubakiza ni uko yivugugiye ubwe yuko umutekano wari muke, na none avuga ngo arabeshya nta biribwa impunzi z'i Shangi zagemuriwe, rero aremeza ko iyo modoka yabasanze yari izanye ibiribwa, yaraye avuze ko Bwanandege yaravuze ngo abajya i Cyangugu ngo babyange kubera yuko abajyanye kubica, bazabaze Bwanandege niba koko ibyo bintu yaba yarabibwiye Nkurunziza kandi iyo agira ubwo buhamya ntaba yarabuze kubivuga kuri Parike, imyaka ibiri yose ikaba ishize ; akandi kantu yavuze kadafatitse ngo ni uko yahaze mu Bushenge, agahagarara kugira ngo abantu bamwice ; icyo gihe yahagaze kuriyeri nk'uko n'abandi bose bahagarara**

**kugira ngo bamufungurire bariyeri ; icyo gihe Nkurunziza na Kamatari François yabashyize munsi y'ikuse kuko bahigwaga, arabahisha ; ku kibazo cyo kunywa byeri iwabo wa Mategeko aramubeshyera ;**